**ICYEMEZO N° 004/2022/TB/BWS-JDD CYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA GITEGEKA UMUBURANYI KWITABA URUKIKO.**

Umunsi wa cumi n'umwe, ukwezi kwa Mata, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na kabiri;

Twebwe RIZIKI Madeleine, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa BWISHYURA, dufashijwe na MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru w'urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona ko mu nama ntegurarubanza muhango wo kugerageza kunga abashakanye, mu rubanza RC 00211/2021/TB/BWS, Leta y'u Rwanda-MINIJUST utuye mu Mudugudu wa Umutekano, Akagari ka Kimihurura, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, TEL +250783269949 POB - e-mail - uburanirwa na MINIJUST Tel P.O.B e-mail CivilLitigationServiceDivision@minijust.gov.rw iregamo NYIRAZANINKA mwene MUTWA Levis na NYIRANTEBUKA Apoline utuye mu Mudugudu wa Gatwaro, Akagari ka Kibuye, Umurenge wa Bwishyura, Akarere ka Karongi, Intara y'iburengerazuba , ukora - Tel +250788486878 P.O.B - E-mail inyirazaninka@gmail.com na NSENGIYUMVA FRED mwene RUKAMIRWA na MUTESI utuye mu Mudugudu wa Maryohe, Akagari ka Kiniha, Umurenge wa Bwishyura, Akarere ka Karongi, Intara y'iburengerazuba , ukora - Tel - P.O.B - e-mail - itambamira imikirize y'urubanza RC 00148/2019/TB/BWS rwaciwe kuwa 13/07/2020 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura baburana ubutane; uyu NSENGIYUMVA FRED atitabye urukiko ariko umuhesha w'inkiko yaranditse ko aba mu bihugu byo hanze;

**Tumaze** kubona ko muri iyo nama ntegurarubanza umwanditsi wari uyiyoboye yaremeje ko ahamagazwa ahatazwi;

**Dushingiye** ku ngingo ya 46 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ivuga ko «**Imenyesharuhame rikorwa mu buryo bwo kumanika kopi y'ihamagara ahantu hagaragara hagenwe n'Urukiko rwaregewe mu kibanza cyarwo n'aho Inkiko Zisumbuye zose zikorera, mu gihe cy'amezi abiri (2). Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bijyana no gutangaza icyemezo cya Perezida w'Urukiko gitegeka uwarezwe kwitaba Urukiko mu gihe giteganyijwe, akanasabwa kugaragaza umurongo wa interineti azajya amenyesherezwaho ibijyanye n'urubanza rwe. Icyemezo gitangazwa ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza, ku rubuga rw'imanza zirangizwa, ndetse no mu kindi kinyamakuru cyagenwe na Perezida w'Urukiko. Perezida w'Urukiko ashobora gutegeka ko itangazo rikorwa mu bundi buryo bubereye nko gukoresha radio, televiziyo cyangwa irindi koranabuhanga. Itangazwa ry'icyemezo rikorwa mu Kinyarwanda. Icyakora, rishobora no gukorwa mu rundi rurimi rwemewe mu butegetsi iyo bibaye ngombwa** ».

**Dutegetse** ko NSENGIYUMVA FRED wavugiwe umwirondoro haruguru ahamagazwa ahatazwi mu buryo bw'imenyesharuhame akazitaba urukiko kuwa 13/06/2022 i saa mbiri za mugitondo kandi iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ndetse kikanatangazwa ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza.

NI UKO ICYEMEZO GIFATIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

RIZIKI Madeleine — MPORWIKI Jean Marie Vianney

UMUCAMANZA — UMWANDITSI MUKURU W'URUKIKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO: TB BWISHYURA
P.O.B: ...............................................
TEL.: ...............................................
E-mail: ...............................................

# INYANDIKO Y'UMWANDITSI IHAMAGARA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI

Umwaka wa 2022, umunsi wa 11 w'ukwezi kwa Mata

Bisabwe na na Leta y' u Rwanda-MINIJUST utuye mu Mudugudu wa Umutekano, Akagari ka Kimihurura, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, Intara ya Umujyi wa Kigali, TEL +250783269949 POB - e-mail - uburanirwa/wunganirwa na - Tel - P.O.B - e-mail - uburanirwa/wunganirwa na MINIJUST Tel P.O.B e-mail CivilLitigationServiceDivision@minijust.gov.rw .

Twebwe MPORWIKI Jean Marie Vianney umwanditsi w'Urukiko TB BWISHYURA

Nshingiye ku ngingo za 34, 35, 37, 39 n'iya 49 z'Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Menyesheje NSENGIYUMVA FRED mwene RUKAMIRWA na MUTESI utuye mu Mudugudu wa Maryohe, Akagari ka Kiniha, Umurenge wa Bwishyura, Akarere ka Karongi, Intara ya Intara y'iburengerazuba , ukora ................................ Tel .......................... P.O.B ........................... e-mail .................................... P.O. B - e-mail - uburanirwa/wunganirwa na-; ariko ubu aho abarizwa hatazwi. Menyesheje tuvuganye ubwe, mvugana n'uwo bashakanye witwa......................., mvugana n'umwana we witwa ......................., mvugana n'umukozi we wo murugo witwa ......................., mvuganye n'umukoresha we witwa ......................., ko agomba kwitaba UrukikoTB BWISHYURA, 2022-06-13 kuwasaa 08:00 mu nama ntegurarubanza aho ruburanishiriza imanza z'imbonezamubano n'iz'ubucuruzi;

Kugira ngo yiregure ku kirego yarezwegifite n° RC 00211/2021/TB/BWS cyatanzwe na Leta y' u Rwanda-MINIJUST utuye mu Mudugudu wa Umutekano, Akagari ka Kimihurura, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, Intara Umujyi wa Kigali, TEL +250783269949 P.O.B ............................................ e-mail ............................................ uburanirwa/wunganirwa na ............................................ Tel ............................................ P.O.B ............................................ e-mail ............................................ uburanirwa/wunganirwa na MINIJUST Tel P.O.B ............................................ e-mail CivilLitigationServiceDivision@minijust.gov.rw .

Ikiburanwa: Gutambamira imikirize y'urubanza RC 00148/2019/TB/BWS rwaciwe ku wa 13/07/2020 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura

« Kubera ko uhamagawe mu rukiko adafite aho atuye cyangwa aho aba hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, TB BWISHYURA manitse kopi y'iri hamagara (ahagenwe n'urukiko) kandi inyandiko yayo mu magambo ahinnye nyimanitse ku miryango y'Iinkiko Zisumbuye mu gihe cy'amezi abiri ».

Iri hamagara rizamara amezi abiri nk'uko biteganywa n'ingingo ya 49, igika cya kabiri z'Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

UHAMAGAWE
NSENGIYUMVA FRED

UMWANDITSI
MPORWIKI Jean Marie Vianney